# Mana Nyagasani uzahabwa inshingano z'ubuyobozi mu bayoboke banjye akabagora nawe uzamuteze ingorane, n'uzazihabwa akaborohereera nawe uzamworohere

Hadithi yaturutse kwa Aishat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Numvise Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ivugira muri iyi nzu yanjye igira iti: "Mana Nyagasani uzahabwa inshingano z'ubuyobozi mu bayoboke banjye akabagora nawe uzamuteze ingorane, n'uzazihabwa akaborohereera nawe uzamworohere."
[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irasabira buri wese uzahabwa inshingano z'ubuyobozi mu bayisilamu yaba mukuru cyangwa se muto, n'izo nshingano zaba iz'ubuyobozi rusange cyangwa se ubwihariye, akagora abo ayoboye ntaborohere ko Allah yazabahemba ibijyanye n'ibyo nabo bakoze nawe ntaborohere; Kandi ko uzorohera abo ashinzwe kuyobora ko nawe Allah yazamworohera ndetse akamworohereza muri gahunda ze zose.

https://sunnah.global/hadeeth/rw/show/5330